

# KAGAME ARAGARAGAYE : Umutanzaniya muri Guverinoma y'u Rwanda ? Mukundabantu J.

Feb 28th 2013, 21:38



Prof Silas Rwakabamba wiyitaga Umutanzaniya kugira ngo asahure Kaminuza

Mu by'ukuri guhindura bamwe mu bagize guverinoma y'Agatsiko nta gishya kirimo (un non-événement) kuko ntacyo bihindura ku gitugu kiri mu gihugu, ku karengane gakabije, ntacyo bigabanya ku buzima bubi cyane bwa **mwarimu n'umunyeshuri** n'ubw'abaturage muri rusange. Ahubwo guhindura bamwe (guhindura Kata) ni icyanzu Kagame anyuramo kugira ngo ashyire mu **myanya yo gusahura igihugu kurushaho** abo basanzwe bafafanya muri za gahunda z'ubucuruzi bwo mu mwijima.

Kagame ni umuntu wakunze kudutungura hano muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda n'ibyemezo bye byuzuyemo ubuhubutsi adasiba kudutura hejuru. Ingaruka zigira ku burezi muri kaminuza n'iguhugu muri rusange zikaba zigaragaza.

Akandi gashya Kagame aheruka kudukorera ni ukugira Pr Silas Lwakabamba Ministri we ushinzwe ibikorwa remezo muri Guverinoma yatangaje kuri **25/2/2013**. Tukaba rero tukimara kumva iyo nkuru hano I Ruhande twaguye tugaramye!

Mu by'ukuri, ntitwatangajwe n'uko uyu mugabo yahawe umwanya wo hejuru, twatangajwe n'ibintu byinshi ariko iby'ingenzi bikaba ari ibi:

1. Pr Silas Lwakabamba, ni umuyobozi **wanze kuvuga ikinyarwanda** wemeza ko ari **umutanzaniya atari umunyarwanda**, akaba yivugira buri gihe ikiswahili n'icyongereza. Hano muri kaminuza ariko twe tukaba tuzi ko Lwakabamba afite abavandimwe ndetse n'umukobwa we bafite imyanya muri Leta ya Kagame, bavuga ikinyarwanda cy'umwimerere; bigatuma rero twibaza niba noneho yahawe ubwengehugu kugirango ajye muri Guverinoma cyangwa abanyarwanda bakaba bananiwe ku buryo umukuru w'igihugu yitabaza abanyamahanga!

2. Pr Lwakabamba ni umuyobozi wa kaminuza wayikoreye ibintu byinshi bigayitse mu gihe yemera gukorera FPR na Kagame kuruta kwita ku burezi bwamuzanye i Butare.

Ingero ni nyinshi ariko dore nkeya murizo:

(1)Gutegeka abarimu n'abakozi ba Kaminuza gutanga imisanzu ya FPR ku ngufu mubyo yitaga: *gahunda ya Girinka, Agaciro Fund, imisanzu y'amatora ya Kagame.*

(2)Kwirukana burundu abana bazize amaherere, umwe ngo yasuzuguye Ministri Mutsindashyaka; abandi ngo bafite ingengabitekerezo(umwe n'umwana w'umukobwa wari mu mwaka wa kabiri)!

(3)Kwitandukanya n'ubwenge bwe akemera ko gahunda za Kagame na FPR zisimbura gahunda z'uburezi: urugero ni ukuntu yategetse abarimu bari basanzwe bigisha mu gifransa batari bazi n'icyongereza na gike, bahawe iminsi 2 ngo babe batangiye kwigisha mu gifransa! Aha Kagame akaba yari yifitiye gahunda zo kwandikwa muri Commonwealth ariko Lwakabamba ntiyamweretse ko ibyo yarotaga bidashoboka, ahubwo yahutiyeho gukanda abarimu. Ubu rero tukaba twasanze umuntu atari muri gahunda z'uburezi ahubwo yari muza FPR.

(4)Ibyo twajyaga tubwirwa ko uyu Lwakabamba afitanye ubucuruzi n'amabanga adafututse na Kagame, twahise tubyemera. Ya migabane ye yo muri Fair Construction imwe mu byana bya Crystal Venture burya koko ntawakongera kuyijyaho impaka.

Mu gihe abarimu n'abakozi muri Kaminuza nkuru y'u Rwanda bahembwa intica ntikize, Pr Lwakabamba we FPR na Kagame **bamuhembaga nk'umunyamahanga** ku buryo abo bari mu myanya ingana, abakuba incuro hafi icumi. Pr Lwakabamba yahembwaga ibihumbi icumi by'amadolari (10,000USD), umwongereza Martin O'Hara wari umuyobozi mukuru wungirije ushinzwe inyigisho nawe yahebwaga nk'ariya, naho Pr Mureramanzi, Umuyobozi mukuru ushinzwe ubutegetsi, agahembwaga amadolari magana inani (800 USD) !

FPR na Kagame kandi bakomeje gukingira ikibaba uyu mugabo iyo bamwe mu bayobozi bo hejuru babaga bamutanitse bamubaza ukuntu adindiza *Kaminuza*. Ibi bikaba byaragaragariye aho atumijwe kenshi mu nama ya Sena gusobanura ibibazo biri muri kaminuza, abantu benshi bakaba baribwiraga ko ibye birangiye ariko akabyuka abahema. None se ngo uhagarariwe n'ingwe ntavoma?

#### **Nasoza rero nsaba Prezida Kagame ibi bikurikira:**

(1).Gusobanurira Abanyarwanda niba agashendeburo Lwakabamba yahembwaga yiyita umunyamahanga, mu gihe bigaragaye ko yari umunyarwanda . Kuki iyo mikorere tutayita ruswa n'inyereza kuri Lwakabamba na Leta ikaba umufatanyacyaha ? Ayo magaranga yanyerejwe ntakwiye kubarurwa no gusubizwa Kaminuza ?

(2).Niba Pr Lwakabamba ari umutanzaniya, ntibyaba bitangaje ukuntu yaba akomeje kuvuna umuheha akongerwa undi mu gihe hari abanyarwanda bari mu gihugu cyabo bashoboye akazi kumurusha!

(3).Ubu se ntibigaragariye buri wese ko u Rwanda hari bya bifi binini bitunzwe n'udufi duto!! Aka karengane kazahagarara ryari ?

Kagame rero muri make akaba agaragaye mu gutonesha kwe agamije inyungu ze bwite mbere y'iz'igihugu.

Imikorere nk'iyi ikwiye guhinduka mu maguru mashya , iki gihugu ntikigishoboye kwihanganira aba bagabo bagihinduye nk'akarima kabo barazwe na base, aho barya bakagwa ivutu, bakarengwa, mu gihe abenegihugu bakorera igihugu batizigamye bagwa umudari.

Mukundabantu J.

***Kaminuza Nkuru y'u Rwanda***

***Butare***